# Ku bakiliya bari mu nkambi y'impunzi - amakarita mwishyurirwaho agiye gusuzumwa, muri icyo gihe amakarita ashobora kudakora neza

Isuzuma rireba abakiliya bose, bafite amakarita ya prepaid bahabwa n'ibiro bikuru bya Imigarasiyo rikaba rireba abafite amakarita mashya kimwe n'abasanganywe ayo makarita. Konti zose n'abafite amakarita bose bisuzumwa bisanzwe. Isuzuma ririkora ku buryo bw'ikoranabuhanga, wowe ntacyo ukeneye gukora kubera iryo suzuma.  Isuzuma ryikora ku buryo bw'ikoranabuhanga (otomatike) kenshi ntiribuza ikarita gukora.

Niba isuzuma risaba ibisobanuro biruta ibisanzwe, ikarita ya we na konti ishamikiyeho biba byavanywe ku murongo bidakora kugeza ighe isuzuma rirangiriye. Niba ikarita yawe na konti yawe bidakora, baza inkambi yawe y'impunzi.

## Inkambi y'impunzi yishingira ibikenewe by'ibanze mu gihe cy'isuzuma

Niba nta mafaraga ufite ukaba udafite ubushobozi bwo kwita ku bikenerwa by'ibanze mu gihe cy'isuzuma, uhabwa ubufasha n'inkambi y'impunzi, urugero ibiryo n'imiti.

Zirikana kandi ko niba isuzuma rifashe igihe kinini kiruta igisanzwe, ubufasha bw'amafaranga uhabwa n'inkambi y'impunzi bushobora kuzakatwa nyuma ku mafaranga y'imibereho agenerwa impunzi.

Inkambi y'impunzi ishobora kwishingira ibikenewe by'ibanze nk'igihe waba ukorera umushahara ariko mw'isuzuma ukaba udashobora gukoresha ikarita yawe ya prepaid. Ubufasha bw'amafaranga wemerewe ushobora kuzabwishyuzwa nyuma, wabonye umushahara.

Andi makuru arebana n'inkunga ku bikenerwa by'ibanze mu gihe cy'isuzuma uyahabwa n'inkambi yawe y'impunzi.

## Ni iki kiri muri iryo suzuma?

Itegeko rirebana no kurwanya iyezandonke n'iterabwoba ritegeka ko, urugero banki cyangwa nyir'ugutanga ikarita bamenya neza umukiriya wabo. Aha harimwo nko kumenya umuntu ufite uruhare muri politiki (PEP) cyangwa gutahura nk'umuntu wafatiwe ibihano by'ubukungu ku rwego rw'igihugu cyangwa mpuzamahanga.

Ibisuzumwa ni abo bantu PEP- n'abafatiwe ibihano. Minisiteri y'ububanyi n'amahanga yategetse ko amafaranga ahabwa uri mu nkambi y'impunzi atagomba kwishyurishwa uburyo bwo kwishyura ubwo ari bwo bwose igihe cyose ibiteganywa n'itegeko ku bantu PEP n'isuzuma ry'uwafatiwe ibihano ku mpunzi ihabwa ayo mafaranga rigikomeza.

Isuzumwa rikorwa n'ikigo Enfuce gitanga ayo makarita. Isuzuma ry'uwafatiwe ibihano ubusanzwe rimara iminsi y'akazi 1-3, ariko kubera impamvu zinyuranye iryo suzuma rishobora kumara igihe kinini.

Bikosowe ku wa 20.3.2025: Hakosowe mu mutwe w'itangazo kandi hakorwa no gusobanura neza ko isuzuma ryikora mu buryo bw'ikoranabuhanga (otomatike) ritabuza ikarita gukomeza gukora.